

GUSARURA, GUHURA NO GUHUNIKA



Isarura ry'ibishyimbo rikorwa bimaze kwera neza, imisogwe imaze kuba **ikigina**, Si byiza gusarura ibishyimbo bimaze **kumira mu murima cyane**; Ibishyimbo byanikwa ku mbuga za **sima, ku birago, cyangwa ku mashitingi**; Si byiza kwanika ku **butaka** kuko ibishyimbo bihura n'ubukonje cyangwa se imyanda. Uburyo bwo guhura bugomba kuba **budatuma ibishyimbo bimenagurika**.

Guhunika ibishyimbo



- Mbere yo guhunika ibishyimbo bigomba kubanza kugosorwa no gutoranywa kuko imyanda n'ibisigazwa by'umusaruro ari yo soko y'ibyonnyi by'umusaruro uhunitse.

- Ibishyimbo bihunika iyo byumye neza. Birahungirwa, bigashyirwa mu mifuka idatobotse bigaterekwa mu bubiko busukuye.
- Imifuka iterekwa ku mbaho cyangwa ku mabuye kugira ngo idahura n'ubutote bwo hasi.
- Mu guhunika bakoresha imiti nka “Skana-Super”. (ibinini bishyirwa ahari imifuka y'ibishyimbo)
- Gukoresha imiti ishyirwa mu bishyimbo nyirizina, nka Actelic, na Malathion

Kugeza ibishyimbo ku isoko



Iyo abahinzi bashyize umusaruro wabo hamwe nibwo bagira ijamba ku isoko. Mu gushaka isoko ry'umusaruro abahinzi bagomba kwita kuri ibi bikurikira:

- **Ubwoko bw'ibishyimbo:** abaguzi bakunze gutandukanya ibishyimbo bahereye ku mabara n'ubunini bw'intete. Abahinzi bagomba kumenya ikigero abaguzi babo bakunda.
- **Aho bicururizwa:** bitewe n'aho abaguzi bari ibigero biratandukana. Umuhinzi agomba kubanza kumenya ahari abaguzi benshi kandi batanga igigero kiza.
- **Igigero cy'ibishyimbo:** mbere na mbere igigero cy'ibishyimbo giterwa n'ibyo umuhinzi aba yarashoye mu kubihinga. Giterwa kandi n'uko isoko rihagaze. Igihe igigero ari gito baba bagomba gufata ingamba zituma bazagurisha ibishyimbo byabo igihe igigero cyazamutse.
- **Kumenyekanisha igicuruzwa:** Abahinzi bagomba gukora uko bashoboye bakamenyekanisha ubwiza bw'ibishyimbo byabo.

Umwanzuro



- Ubuhinzi bw' ibishyimbo bya mushingiriro bukeneye kwitabwaho by' umwihariko kugirango umusaruro w' ibishyimbo muri rusange wiyongere. Bityo rero ni ngombwa gufata neza ubutaka, gukoresha neza amafumbire yabugenewe, guterera igihe no kwita ku mirimo yose isabwa kugirango ibishyimbo bya mushingiriro byere neza.
- Umusaruro mwiza kandi mwinshi ubonetse ugomba kwitabwaho bihagije kuva mu isarura kugera ku isoko. Igihe umuhinzi azi isoko ahingira aba azi n' icyo rikeneye bityo agatunganya umusaruro we neza, bigatuma abona amafaranga menshi, ubuhinzi bw' ibishyimbo bya mushingiriro bukaba bwamuteza imbere .